RWANDA RESONANCE

# UMURANGI

Rédacteur en Chef :
NTAWUYIRUSHINTEGE Boniface
(O. NT. B.)

B.P. 1036
Tél.: 7 2469

100 Frw


Bimensuel
Indépendant

N° 026
3 Août 1993


DE FORMATION ... DE RECHERCHE COOP.

## IBYEMEZO BYA KONGERE Y'IGIHUGU IDASANZWE YA MDR

## IBANGA RY'INTAMBARA YA FPR RIGIYE AHAGARAGARA



# EDITORIAL
## ZO ZIRI MU BIKI ?

Inkotanyi zemeye Kandidatire yitanzweho by'uburiganya na TWAGIRAMUNGU abishyigikiwemo n'IKINANI. Zari zizi neza ko ishyaka rye ryamwirukanye. Urebye rero wasanga Inkotanyi nazo zishobora kuba ziyinjiriye mu kwaha kw'IKINANI. Icyakora ubanza zizi icyo zikora kuko kugirango zemere kwinjira mu buriganya bumaze iminsi buranga abanyepolitiki bo mu gihugu zemera TWAGIRAMUNGU byatumye GASANA nawe azemerera kwinjiza abasirikare magana atandatu muri KIGALI. Bamwe bati zizahita zifata KIGALI, abandi bati HABYARIMANA abonye ikizatuma ahindura igihugu umuyonga akoresha ikinamico ngo ngaha Inkotanyi zari zigiye gufata ubutegetsi, ati za mburagasani zari zigaruriye igihugu mpakinga igikinga cyanjye, none mufate ibyitso kandi munyoboke mwese, kuko mbavanye habi. Ibyo byose birashoboka. Ikigaragara ni uko umukino wa HABYARIMANA na FPR nta mahoro wifuriza abanyarwanda. Gusa ikibabaje ni ukubona agasuzuguro bariho bashyira kw'ishyaka rikomeye nka MDR. Umugambi wo gutsemba cyangwa ngo gutesha abo bita abaparmehutu umutwe n'ababakomokaho umuntu yawibazaho; kandi akanibaza niba n'Inkotanyi zizawivangamo. HABYARIMANA na TWAGIRAMUNGU bashobora kuba bariho bashyushya imitwe bategura intambara bakoresheje ijambo PARMEHUTU, maze byamara gukocorana bagashyiraho amategeko adasanzwe (Etat d'Urgence) ubundi bagategeka uko babyumva, amatora mu gihugu akanyongwa, maze utaravuze rumwe na bariya bami wese bakamukindura ngo ngaha ni umuparmehutu. Etat de droit yo mu masezerano ya ARUSHA nta gaciro izaba igifite. IMPIRIMBANYI biraboneka ko ziteguye kutajya muri Guverinoma y'agasuzuguro n'uburiganya. Zagombye no kwitegura guhangana n'imitego yose abagambanyi bariho bagenda bazitega. Abantu bo muri MDR ntihazagire ubashuka, dore ko TWAGIRAMUNGU ariho yiruka muri za Ambassade no mu basenyeri ngo nibamwunge n'ishyaka rye. None se nonaha abo yirirwaga abeshya ngo nta kibazo afite muri MDR ngo agifitanye na NSENGIYAREMYE, ubundi ngo n'i agatsiko k'Abaparmehutu, ubundi ngo ni Abanyagitarama n'abanyaruhengeri, arumva ubwo buriganya bwose IMPIRIMBANYI zakongera kubwikururira. Ntihazagire n'umwe mu bayobozi ba MDR ugwa mu mutego ngo arunga TWAGIRAMUNGU n'ishyaka kuko n'abatangiye kuvuga ngo NSENGIYAREMYE yabyemera baramubeshyera, ni ya Politiki ya TWAGIRAMUNGU wabanje kujya abeshya rubanda ngo nta kibazo afitanye nawe ngo ni MUREGO na KARAMIRA bamwanga none akaba amwirengeje izuba riva. NSENGIYAREMYE rero siwe shyaka, nawe nakosa bazamushyira hanze y'ishyaka. Kuva TWAGIRAMUNGU yaragaragaje ubugambanyi bungana kuriya kw'ishyaka, akagaragaza ko kumena amaraso kuri we ntacyo bivuze uzavuga ngo ariyunga nawe azaba ari umwanzi wa demukarasi. Uko yagambaniye MDR niko n'abandi azabangambanira, niko kandi azanagambanira igihugu izuba riva. Reka bamuhe ubutegetsi gusa.

O.NT.B.

---

# KONGERE Y'IGIHUGU IDASANZWE YA MDR :
## abahaye Twagiramungu ubuyobozi bw'ishyaka barabumwambuye.



*TWAGIRAMUNGU Fawusitini ashobora kuba yaribwiye ko ishyaka MDR ari nka byabindi ngo tuvuye mo umwe ntitwaryama. Reka da!! Yabanje gutera urwamu mu MASIBO n'AMATUMWA ye ngo ni MUREGO n'ABAKIGA batamushaka, arongera ati ni KARAMIRA undatisha inzu, none ati nzize ubumwe bwa GITARAMA na RUHENGERI? Ni MACO Y'INDA KOKO.*

Hambere aha mu muzo w'amashyaka menshi icyavugwaga cyane cyari ikinyoma cy'umugabo HABYARIMANA. Umwe muba cyamaganaga cyane yari TWAGIRAMUNGU, none bimaze kugaragara ko ashobora kuba ahubwo akimurusha, utaretse n'igitugu akomeza kugenda agaragaza mu mikorere ye. None se , hari naho bamwirukanye mw'ishyaka MDR, akirirwa abeshya igihugu n'amahanga ngo ni Perezida waryo. Nyuma y'amezi 11 ayobora iryo shyaka TWAGIRAMUNGU yaranzwe no kwirata, kutumva abandi, gusuzugura, kubeshya no guca uduce mu barwanashyaka ngo bamwe ni abaparmehutu ngo abandi ni ibiki ntazi, niba ari ibimanuka niba ari ibishungu ntawamenya. Ibyo aribyo byose kuba

yarasuzuguye kandi agatuka MDR PARMEHUTU kandi azi neza ko abayoboke MDR y'ubu bamwe benshi muri bo ari abaparmehutu bo hambere abandi bakaba ababakomokaho biri mu byatumye IMPIRIMBANYI zitamucira akari urutega zikamwirukana zitamubabariye. Bija gutangira yananiwe gukorera ku cyicaro cy'ishyaka akajya ajya gukorera muri PL cyangwa muri PSD. Nyuma y'ukwihanangirizwa kwagiye kubera muri Biro Politiki rero, byageze aho ajyana MDR muri Guverinoma y'abatekamutwe iri mu kwaha kwa HABYARIMANA, maze batumira Congrès ku ya 23 na 24 Nyakanga ngo ize ishimangire igihano cyo kumwirukana cyari cyafashwe na Biro Politiki.

KONGERE YARITABIRIWE BIHAGIJE

Nubwo TWAGIRAMUNGU ntako atagize ngo akumire abagombaga kuza muri iyo Kongere akitabaza RADIO KAZU, RENZAHO ngo wananiwe iby'umugi ashinzwe akaba ashaka gutunganya ibya MDR, Interahamwe na bamwe mu bahoze ari abajideri, abagize Kongere ya MDR barahagurutse baza i Kigali, birebera uko TWAGIRAMUNGU ata ibitabapfu ateza amabuye imodoka z'abarwanashyaka, ba KARAMIRA n'abandi, ngo ngaha nta ba Parmehutu ashaka mu Rwanda.

Ibyo biboneye rero dore ko bamwe bari banaje bashaka kunga abakuru b'ishyaka, nibyo byabateye isesemе. Haje no kwikubitaho grenade babateye ku KABUSUNZU ikagwa hafi yaho bakoreraga inama, maze bafatira TWAGIRAMUNGU ibyemezo, bamukura mu ishyaka ry'umucyo, ngo ubwo buterahamwe bwe avanga n'ubukotanyi nabujyane mu masugi yo adasobanukiwe n'ibanga ry'abakuru baharanira Repubulika na Demukarasi akemera gutegekwa buhinja.

Abantu bemeza ko Grenade yatewe na DUKUNDANE na NDASHIMYE Bernardin bagombaga nabo kuba bari mu ba Congressiste b'i Gitarama ariko kuko biyemeje kuba inyenzi za TWAGIRAMUNGU barinjiye baberetse aho basinya baranangira bahitamo gusohoka. Ntihashize iminota itanu dore ko banagendaga mbere bashaka kwihisha muri za WC n'ahandi maze grenade iba iraturitse abantu bati bene TWAGIRAMUNGU baratumaze nta kundi. Ubwa mbere bari bizeye ko umubare wa ngombwa wo kugira ngo inama ibe utazageraho, babonye ugezeho bati uwabica akabamara.

IMPIRIMBANYI ZANZE KUGUMYA GUTEGEKWA NA TWAGIRAMUNGU

Muri Kongere y'ishyaka MDR yabaye ku ya 29 na 30 Kanama 1992, uriya mugabo TWAGIRAMUNGU yatowe n'abantu 248 kuri 287 bari baje muri Kongere. Ubundi abagize Kongere ya MDR ni 298. Hari nka 11 batari baje, byanavugwaga ko MRND iri bubamare. Muri Kongere idasanzwe yabereye ku Kabusunzu ku ya 23 na 24 Nyakanga 1993, nyuma y'amezi icumi gusa uriya mugabo atobanga ishyaka rya Rubanda, haje IMPIRIMBANYI 215 kubera ko ntako we n'abambari ba HABYARIMANA batagize ngo ibure abantu, maze 201 bose bamuvanaho amaboko bemeza ko aciwe mu ishyaka, abandi barajijinganya. Bityo bikaba bivuga ko TWAGIRAMUNGU aramutse agifite abamushyigikiye ataba arengeje 47 kuri 298 bagize Kongere y'igihugu. Ku KABUSUNZU rero hafatiwe ibyemezo byo gusukura ishya-



*IMPIRIMBANYI za KIGALI-NGALI zitabiriye Kongere. Zababajwe n'uburaya muri Politiki bwa GASANA Anasitazi umaze iminsi abarindagiza.*



*IMPIRIMBANYI za GISENYI nazo zari zaje gutabara ishyaka. KAMALI ati hari igihe najyaga nshyigikira TWAGIRAMUNGU nzi ko ari umuntu w'umugabo none arumiwe.*

ka nkuko muri bubyibonere mu myanzuro y'inama yashojwe ku ya 24 mu ma saa kumi, abantu benshi barimo n'abanyamakuru bamaze kwerekwa Videwo y'ukuntu Agatha UWILINGIYIMANA yibohoye, ariko yagera mu rugo akahasanga ibisumizi birimo TWAGIRAMUNGU, MUGENZI, GATABAZI, BAGOSORA n'abasirikare bakamukanda ngo bafatanije n'umugabo weRUSAKE, bakamuterera ku wa KA—JWIGA ngo azinduke avuga ko yasezeye ku Buminisitiri bw'Intebe ku ngufu z'IMPIRIMBANYI ngo zamusinyishije ibyo atumva.

Uriya mugore ashobora kuba yari yabikoranye umutima mwiza, ariko ngo nubu ararinzwe, ibyo akora byose naho ajya ni nk'umunyururu kuko bahise bahindura n'abamurindaga. Ubu rero ngo baranga ko yaba nka GASANA akitorokera agahunga imihini ya buri munsi. Icyo umuntu yavuga ni uko muri rusange IMPIRIMBANYI zikomeye kw'ishyaka ryazo. Zimwe mu zo twaganiriye zatubwiye ko umuyobozi wese uzigira nka TWAGIRAMUNGU azahagarikwa nta mbabazi kuko kugambanira ishyaka ari icyaha gikomeye. Hari n'izifuza ko ijambo "IMPIRIMBANYI" ryashyirwa mu nyandiko za MDR, abarwanashyaka bakitwa Impirimbanyi kuko ijambo Umurwanashyaka bidahagije ngo na za MRND zaryiswe. Bati ijambo IMPIRIMBANYI ritwibutsa byinshi kandi ridutera ishema. Twizeye ko Biro Politiki ya MDR izabyigaho ikareba uko yabigenza.

O.NT.B



*IMPIRIMBANYI z'i GITARAMA zashyigikiye TWAGIRAMUNGU ngo abe PEREZIDA we MDR amaze kugeraho ati «Nimumvire mu ishyaka mwa BAPARMEHUTU mwe».*



*TWAGIRUMUKIZA Mariko (uri hagati) INYENZI za TWAGIRAMUNGU zamuhondaguriye imodoka, naho KAMBANDA we kuba ari we wagize AGATHA icyo aricyo muri Politiki muri iki gihe cy'amashyaka menshi ntibimubabaje, ababajwe gusa n'uko akomeza guhemuka.*



*IMPIRIMBANYI z'i KIBUNGO ziti TWAYOBOTSE ISHYAKA RY'UMUCYO ntitwayobotse TWAGIRAMUNGU.*

*Umurangi No 026 du 3 AOUT 1993.*



*IMPIRIMBANYI zo ku KIBUYE ziti TWAGIRAMUNGU azabeshye abahinde!*



*SEKRETARIYA ya KONGERE yari igizwe n'INTITI: SHINGIRO, NGULINZIRA, NGABONZIZA na NGIRIRA. Ariko TWAGIRANTUZA azumva ryari ko umutwe umwe wifasha gusara.*



*AbanyaBYUMBA buti byaratuvunnye dusobanurira bene wacu ibitakaragasi byawekuri Radio none aho bigeze tuvire mu ishyaka ujye aho batagira akabajyana kuri W.C.*



*4) IMPIRIMBANYI z'i BUTARE zarahavunikiye ngo ngaha zirahana AGATHA. Nizongere zikoranire na KAMBANDA nta nduru ariko n'UWILINGIYIMANA ntizizamurenganye nawe siwe, byose byatewe n'igipompo cya mwene GISHUNGU.*



*Abanyacyangugu bari batatu gusa. Abandi icyitso cya TWAGIRAMUNGU, SERUBYOGO cyabajyanye muri Hoteli i CYANGUGU cyiti ngiye kubashakira imodoka yo kubajyana muri Kongere hagenda cyo?? Abanyoni baba benshi!*

## Bite bya RADIO Muhabura?

Inkuru ivugwa muri iyi minsi yatangaje abantu. Ngo burya Radio MUHABURA yaba yaravugiraga i BURUNDI. Perezida Mushya Bwana NDADAYE rero wivugiye ko ibibazo byo mu RWANDA abizi neza akaba azatanga inkunga ye mu kubikemura icyambere yaba yaragishubije afunga Radio y'iz'amarere. Ngo ni muri urwo rwego ba KAGAME bihutiye kujya i BUJUMBURA gusaba NDADAYE kudohora da ! Ese azemera ? Ikiriho gitangaza abantu ni TWAGIRAMUNGU ngo uriho uhihibikana muri ibyo bintu na za telefoni n'ibiki ngo mw'izina rya MDR atakiyobora, ngo iyo RADIO nibayihorere ngo ni iya Opozisiyo. Abatekamutwe baba benshi.

Umurangi.

## ZA MBWA

Cyera muri 1960, igihe Perezida KAYIBANDA yashyiragaho LETA ya mbere yirabura (wa munsi abasirikari bagize uwabo NKUNDABAGENZI Fideli wari KAMINUZA mu ba mbere u RWANDA rwagize akaba yari Administrateur wa Banque d'Emission du Rwanda–Urundi yariyamiriye amaze kumva ishyirwaho ry'iyo LETA ati : «Izo mbwa zijya gushyiraho ayo mabyi yazo ko zari zimziko bitanshishikaje iyo zimbaza wenda nkaba arijye wiyangira ?» Ibyo byerekanye dépit ya Fideli ari nayo mpamvu rimwe na rimwe mu tuzina tw'uduhimbano bamwise «ZA MBWA». Uwashaka kugira ikindi amenya kuri uru rwenya yabaza Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini kuko aruzi neza.

**DUKOSORE :**

Mu Murangi No 25 muri Stati za MDR ku ngingo ya 'mbere, musome "Duharanira ubutabera n'urnurimo.

# IBYEMEZO BYA KONGERE Y'IGIHUGU IDASANZWE YA MDR

**ISHYAKA M.D.R**
**B.P 2278 KIGALI**

**KONGRE Y'IGIHUGU IDASANZWE YA M.D.R**

Kongere y'Igihugu idasanzwe y'ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika (MDR) yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993;

Ishingiye ku itegeko n° 28/91 ryo ku wa 18 Kamena 1991 rigenga amashyaka ya politiki;

Ishingiye ku mategeko agenga Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika:

Imaze kubona ko yitabiriwe n'abakongeresiste 215 kuri 298 bagize kongre y'Igihugu y'Ishyaka MDR bityo umubare wa ngobwa (3/5) usabwa n'ingingo ya 57 ukaba urenze;

Imaze kwemeza ko igomba gufatira ibyemezo bidakuka abo Biro Politiki ya MDR yatahuyeho ubugambanyi nk'uko bikubiye mu ibarwa n° 0045/ND/n jb/93 yo kuwa 17 Nyakanga 1993 yanditswe na Komite Nyobozi ihamagaza Kongere y'Igihugu idasanzwe y'Ishyaka MDR, ikoresheje ububasha ihabwa n'ingingo ya 44 y'amategeko agenga ishyaka;

Imaze gusuzuma raporo ya Komite Nyobozi ku mikorere y'Ishyaka, no ku mishyikirano Perezida wa Repubulika yagiranye n'abahagarariye amashyaka kuwa 14 no kuwa 16 Nyakanga 1993;

Imaze gushimangira icyemezo Biro Politiki ya MDR yari yafashe mu nama yayo yo kuwa 15 Nyakanga 1993 cyahaga ubutumwa intumwa z'ishyaka MDR mu mishyikirano zagiranaga na Perezida wa Repubulika;

Imaze na none gushimagira ko Perezida w'Ishyaka atari urwego nyobozi rw'ishyaka ko kandi inzego zose z'Ishyaka zigomba kurangwa n'imikorere ishingiye ku mahame ya demokarasi;

Imaze kumva raporo ya Komite Nyobozi ku buryo TWAGIRAMUNGU yagambaniye Ishyaka arenga ku butumwa bwatanzwe na Biro Politiki ya MDR mu nama yayo yo ku wa 15 Nyakanga 1993;

Imaze kumva raporo ya Komite Nyobozi ku buryo Madamu UWILINGIYIMANA Agata yagambaniye Ishyaka yiyemeza gushyiraho Guverinoma mu gihe Ishyaka akomokamo MDR ryo ryari ryafashe icyemezo cyo kutajya muri iyo Guverinoma;

Imaze kumva uburyo Madamu UWILINGIYIMANA Agata yiregura ibyo ashinjwa;

Imaze kubona kopi y'ibarwa ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata yo kuwa 23 Nyakanga 1993 yerekeranye no kwegura kwe ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe;

Imaze kumva raporo ya komite Nyobozi ku buryo GASANA Anasitazi, RUCOGOZA Fawusitini na MBONIMPA Yohani Mariya Viyane bagambaniye ishyaka ryabo MDR bemera kujya muri Guverinoma ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata nyamara MDR yari yiyemeje kutajya muri iyo Guverinoma kandi ikaburira abarwanashyaka bayo ko kwemera kujya muri iyo Guverinoma ari ukugambanira Ishyaka;

Ifashe ibyemezo bikurikira :

## I. IBYEREKEYE INAMA ZA BIRO POLITIKI YA M.D.R ZO KUWA 17 NA 20 NYAKANGA 1993

Kongere y'Igihugu idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika yateraniye i Kigali ku wa 23 no kuwa 24 Nyakanga 1993, ikurikije stati za M.D.R.

1.1 Yemeje ko inama ya Biro Politiki ya MDR yo kuwa 17 Nyakanga 1993 yatumijwe, iterana, iyoborwa kandi ifata imyanzuro ku buryo buhuje n'amategeko agenga ishyaka MDR.

1.2 Irashima abagize Biro Politiki bagaragaje umutima wogukunda ishyaka n'igihugu basaba ko iyo nama ya Biro Politiki iterana cyangwa se bayitabira.

1.3 Yemeje ko inama ya Biro Politiki ya MDR yo kuwa 20 Nyakanga 1993 yatumijwe, iterana, iyoborwa kandi ifata imyanzuro ku buryo buhuje n'amategeko agenga Ishyaka MDR.

## II. IBYEREKEYE GUVERINOMA YA MADAMU AGATA UWILINGIYIMANA

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika yateraniye i Kigali Ku wa 23 no ku wa 24 Nyakanga 1993,

2.1. Ishimangiye icyemezo Biro Politiki ya MDR yari yafashe mu nama yayo yo ku wa 15 Nyakanga 1993 cy'uko Guverinoma ya Dr NSENGIYAREMYE Disimasi ari yo yagombaga kongererwa igihe kugirango igere ku ishyirwa ry'umukono ku masezerano y'amahoro.

2.2. Yemeje ko TWAGIRAMUNGU Fawusitini wari Perezida wa MDR, mu gushyira umukono ku masezerano y'ingereka ya kabiri yo ku wa 16 Nyakanga 1993 akabikora ku bushake bwe, yitandukanyije n'abagenzi be bo muri Komite Nyobozi kandi ku buryo bw'uburiganya buhishe ubugambanyi, yarenze ku nshingano Biro Politiki ya MDR yateranye ku wa 15 Nyakanga 1993 yari yahaye intumwa z'Ishyaka MDR mu mibonano Perezida wa Repubulika yagiraga n'abahagarariye amashyaka.

.3. Yemeje kandi ko mu guca ku cyemezo cya Biro Politiki, TWAGIRAMUNGU Fawusitini yishe ingingo ya 61 y'amategeko agenga ishyaka iteye itya:

"Bitanyuranyije n'amategeko n'amabwiriza ariho muri Repubulika y'u Rwanda, Perezida w'Ishyaka, amaze kubyemererwa na Biro Politiki y'Ishyaka, ashobora gufata icyemezo kidateganyijwe muri izi stati ariko bigaragara ko cyihutirwa kandi kigamije kurengera Ishyaka.

Icyo cyemezo kigomba gushyikirizwa inama ya kongere y'Igihugu ikurikiraho kugira ngo igihamye cyangwa igihindure."

2.4. Ishimangiye rero icyemezo Biro Politiki ya MDR yafashe mu nama yayo yo ku wa 20 Nyakanga 1993 cy'uko ishyaka MDR ritarebwa n'amasezerano y'ingereka ya kabiri yo ku wa 16 Nyakanga 1993 ko rero ishyaka MDR ritari muri Guverinoma yashyizweho hakurikije ayo masezerano.

## III. IBYEREKEYE TWAGIRAMUNGU FAWUSITINI

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993

3.1. Yemeje ko ingingo za 55 na 56 za stati za MDR zerekeye guhagararira ishyaka byemewe n'amategeko no gushyira umukono ku nyandiko z'ishyaka zitagira Perezida w'Ishyaka urwego nyobozi rw'ishyaka.

3.2. Yemeje ko TWAGIRAMUNGU Fawusitini yagambaniye ishyaka M.D.R.

- akoresha igitugu mu kuyobora ishyaka;
- agirana rwihishwa imishyikirano n'andi mashyaka akabigira yitebye bagenzi be bari kumwe muri Komite Nyobozi y'Ishyaka;
- aca ku butumwa Biro Politiki ya MDR yateranye ku wa 15 Nyakanga 1993 yari yahaye intumwa z'Ishyaka MDR mu mibonano Perezida wa Repubulika yagiranaga n'abahagarariye amashyaka ku wa 14 na 16 Nyakanga 1993;
- afata ubwe kandi ku buryo bw'uburiganya icyemezo cyo gutanga kandidatire ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe ;
- ashyira umukono ku masezerano yo ku wa 16 Nyakanga 1993 avuga ko ahagarariye Ishyaka MDR, kandi Biro Politiki ya MDR itabimuhereye uburenganzira;
- akoresha uburyo bwose kugira ngo abuze Kongere y'Igihugu Idasanzwe ya MDR guterana bityo akaba yarashatse kubuza ko kongere y'Igihugu ikoresha uburenganzira ihabwa na sitati za MDR cyane cyane ingingo za 37,39 na 61.

3.3. Ishimangiye ibihano TWAGIRAMUNGU Fawusitini yafatiwe na Biro Politiki mu nama yayo yo ku wa 17 Nyakanga 1993 imuhagarika ku mwanya wa Perezida w'Ishyaka MDR no ku buyobozi bw'izindi nzego z'Ishyaka MDR.

3.4. Kubera iyo mpamvu, isheshe rero ibyemezo byose TWAGIRAMUNGU Fawusitini yafashe abyitirira Ishyaka MDR kuva ku wa 17 Nyakanga 1993 ahagarikwa ku buyobozi mu nzego zose z'Ishyaka MDR.

3.5 Isezereye TWAGIRAMUNGU Fawusitini ku mwanya wa Perezida w'Ishyaka M.D.R no ku buyobozi bw'izindi nzego zose z'ishyaka MDR kubera ko imikorere ye ari iy'igitugu bikaba binyuranyije n'amahame ya demokarasi ishyaka rigenderaho.

3.6. Yemeje, ishingiye ku ngingo za 37 na 52 za stati za MDR, ko TWAGIRAMUNGU Fawusitini asezerewe burundu mu ishyaka MDR kubera uburiganya, igitugu n'ubugambanyi imubonyeho bikaba bitorewe n'abagize Kongere y'Igihugu ya MDR 201 babyemeye, 7 babyanze, 3 bifashe kuri 215 baje mu nama.

3.7. Yemeje ko kugeza kuri Kongere y'Igihugu itaha, umusimbura ku mwanya wa Perezida w'Ishyaka ari Visi-Perezida wa mbere nk'uko biteganywa n'ingingo ya 60 ya stati za MDR, ariko inyandiko zitirirwa ishyaka zigashyirwaho umukono na babiri nibura mu bagize Komite Nyobozi ya MDR.

## IV. IBYEREKEYE UWILINGIYIMANA AGATA

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993.

4.1. Yemeje ko Madamu UWILINGIYIMANA Agata yagambaniye ishyaka MDR mu gihe ubwe yemeye gushyiraho Guverinoma aciye ku byemezo bya Biro Politiki ya MDR yateranye ku wa 17 Nyakanga 1993 yabimubuzaga ikemeza kandi ko ishyaka MDR ritajya muri Guverinoma yagombaga kujyaho bishingiye ku masezerano y'umugereka wa kabiri yo ku wa 16 Nyakanga 1993.

4.2. Ibabajwe cyane kandi yamaganye byimazeyo, amagambo asebanya yavugiwe na Madamu Agata UWILINGIYIMANA kuri Radiyo y'Igihugu ku wa 24 Nyakanga 1993 avuga ko yafungiranywe n'abagize kongere ya M.D.R kandi bakamuhatira kwegura ku mwanya we wa Minisitiri w'Intebe.

4.3. Ntishidikanya na busa ko imyifatire nk'iyo yagaragaye kuri Madamu Agata UWILINGIYIMANA itabereye umurwanashyaka wa MDR kandi ikaba itesha ishema igihugu cyacu cyane cyane iyo biturutse ku muntu wakoze indahiro yo kuyobora Guverinoma y'u Rwanda ayibereye Minisitiri w'Intebe.

4.4. Ishingiye ku ngingo za 37 na 52 z'amategeko agenga ishyaka MDR, yemeje ko Madamu UWILINGIYIMANA Agata asezerewe mu ishyaka MDR, icyo cyemezo kikaba gifatiwe mu itora ku majwi y'ababyemeye 195, ababyanze 2, n'abifashe 7.

## V IBYEREKEYE GASANA ANASTAZI, RUCOGOZA FAWUSITINI NA MBONIMPA YOHANI MARIYA VIYANE

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993.

5.1. Yemeje ko GASANA Anastazi, RUCOGOZA Fawusitini na MBONIMPA Yohani Mariya Viane bagambaniye ishyaka MDR mu gihe bemeye kujya muri Guverinoma ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata bakabigira biyita ko bahagarariye ishyaka MDR kandi baciye ku cyemezo cya Biro Politiki ya MDR cyo ku wa 17 Nyakanga 1993 cyavugaga ko ishyaka MDR ritemeye kujya muri iriya Guverinoma ko kandi umurwanashyaka wa MDR uzemera kuyijyamo azaba agambaniye ishyaka MDR,

5.2. Kubera iyo mpamvu, ishingiye Kandi ku ngingo ya 37 n'iya 52 z'amategeko agenga Ishyaka MDR, yemeje ko GASANA Anastazi, RUCOGOZA Fawusitini na MBONIMPA Yohani Mariya Viyane basezerewe mu Ishyaka MDR icyo cyemezo kikaba gitorewe n'abagize Kongere 203 babyemeye, 1 wifashe na 3 bacyanze.

## VI. IBYEREKEYE ABANDI BASHOBORA GUTAHURWAHO UBUGAMBANYI

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993 ishinze Biro Politiki ya MDR na za Kongere za Perefegitura kuzafatira ibyemezo bikwiye abandi barwanashyaka bazashobora gutahurwaho kugambanira ishyaka MDR.

## VII. IBYEREKEYE UKO GUVERINOMA YA Dr.NSENGIYAREMYE DISIMASI YARANGIJE IMSHINGANO ZAYO.

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993.

7.1. Ishimiye umurwanashyaka NSENGIYAREMYE Disimasi kubera ukuntu Guverinoma ye yihatiye kurangiza inshingano zayo cyane cyane mu byerekeye kugarura amahoro mu gihugu binyuze mu nzira y'imishyikirano.

7.2. Irasnimira by'umwihariko abaminisitiri bakomoka mu ishyaka MDR aribo UWILINGIYIMANA Agata, NGULINZIRA Bonifasi na NDENGEJEHO Pasikali Bayiloni bari bari muri Guverinoma ya Dr.NSENGIYAREMYE Disimasi kubera ubwitange n'ubushobozi bagaragaje mu kuyobora Minisiteri bari bashinzwe.

7.3. Irashimira na none by'umwihariko abarwanashyaka NGULINZIRA Bonifasi wari Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'ubutwererane na NDENGEJEHO Pasikali Bayiloni wari Minisitiri w'Itangazamakuru bafashe icyemezo cyo kutajya muri Guverinoma ya Madamu UWILINGIYIMANA Agata ku bushake bwabo no kubera gukunda no kubaha ishyaka ryabo.

## VIII. IBYEREKEYE UKO POLITIKI ITEYE UBU MU GIHUGU

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993.

8.1. Isabye Perezida wa Repubulika gutumiza bwangu inama y'amashyaka ya Politiki kugira ngo yihitiremo Minisitiri w'Intebe mushya ugomba gushyiraho indi Guverinoma kubera ko Madamu UWILINGIYIMANA Agata yeguye kandi nk'uko biteganywa n'ingingo ya 56 y'Itegeko-Nshinga, iyegura rya Minisitiri w'Intebe rikaba rituma na Guverinoma ivaho.

8.2. Yongeye kwemeza ko ishyaka MDR rishyigikiye amahoro ko kandi riharanira demokarasi isesuye

8.3. Yongeye kwemeza ko ishyaka MDR riharanira ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda

8.4. Yamaganye kandi isabye Abanyarwanda kwamaganira kure intambara n'imvururu bitegurwa na Perezida HABYARIMANA, bivugwa mu ibarwa yo kwegura ya Minisitiri w'Intebe UWILINGIYIMANA Agata, kandi bikaba binagaragazwa n'ukwegura no guhunga kwa Minisitiri w'Ingabo

8.5. Isabye ikomeje Perezida wa Repubulika kwihutisha gushyira umukono ku masezerano y'amahoro, kubera izo mpamvu ikaba yamaganye amacenga ya Perezida HABYALIMANA na bamwe mu bayobozi b'amashyaka ya politiki bagamije gutinza ishyirwa ry'umukono ku masezerano y'amahoro no kubangamira inzira ya demokarasi igihugu cyiyemeje

8.6. Yamaganye bikomeye uburiganya ubutegetsi bwakoresheje bushaka kuburizamo inama ya Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka M.D.R

8.7. Irashimira umukuru w'Igihugu cya TANZANIYA, Nyakubahwa Perezida ALI HASSAN MWINYI, Guverinoma ya Tanzaniya n'abaturage ba Tanzaniya kubera urukundo batugaragarije twebwe Abanyarwanda bitangira kudufasha kurangiza intambara

8.8. Irashimira imiryango mpuzamahanga n'ibihugu bikurikirana imishyikirano ku buryo bw'indorerezi kubera inkunga byateye igihugu cyacu kugira ngo kigere ku masezerano y'amahoro

8.9. Ikanguriye abarwanashyaka bose b'amashyaka aharanira Demokarasi kwitandukanya n'abayobozi n'abandi babihishemo bagamije guheza igihugu cyacu mu butegetsi bw'igitugu no muri politiki y'uburiganya.

## IX IBYEREKEYE GUVERINOMA Y'INZIBACYUHO YAGUYE

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993.

9.1. Yemeje ko ishyaka M.D.R ryiteguye kujya muri Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye nk'uko biteganywa n'amasezerano yashyiriwe umukono Arusha ku wa 30 Ukwakira 1992 no ku wa 9 Mutarama 1993

9.2. Ishimangiye icyemezo cyafashwe na Biro Politiki y'Ishyaka yo ku wa 20 Nyakanga 1993 cy'uko KAMBANDA Yohani ariwe mukandinda wa M.D.R ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye

9.3. Ihaye Biro Politiki inshingano yo gufata ibyemezo byose birengera inyungu z'Ishyaka bijyana n'uruhare MDR igomba kugira muri Guverinoma y'inzibacyuho yaguye

9.4. Ihamije ko uburyo Bwana TWAGIRAMUNGU Fawusitini yitanzeho umukandida ku mwanya wa Minisitiri w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye bunyuranyije n'amategeko agenga ishyaka M.D.R., ko ubwo rero iyo kandidatire nta gaciro ifite kuko ari iy'umuntu ku giti cye kandi uwo mwanya waragenewe ishyaka M.D.R.

## X. IBYEREKEYE KONGERE Y'IGIHUGU IDASANZWE YA M.D.R. YO KU WA 23 NA 24 NYAKANGA 1993

Kongere y'Igihugu Idasanzwe y'Ishyaka riharanira Demokarasi muri Repubulika, yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993,ishingiye ku ngingo ya 37 y'amategeko agenga ishyaka M.D.R iteganya ko Kongere y'Igihugu ari rwo rwego rw'Ikirenga rw'Ishyaka, yemeje ko Kongere y'Igihugu Idasanzwe ya MDR yateraniye i Kigali ku wa 23 na 24 Nyakanga 1993 yatumijwe, iyoborwa, iterana kandi ifata ibyemezo byayo ku buryo buhuje n'amategeko agenga ishyaka M.D.R.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24 Nyakanga 1993

Dr NSENGIYAREMYE Disimasi
Visi-Perezida wa mbere

KARAMIRA Froduald
Visi-Perezida wa kabiri

Dr MUREGO Donati
Umunyamabanga Mukuru

### LISITI Y'ABAJE MURI KONGERE Y'IGIHUGU IDASANZWE YA MDR YO KUWA 23 NYAKANGA 1993.

**KIGALI-NGALI**

01. RWAJEKARE André
02. MBANZAMIHIGO Juvénal
03. MUNYANKINDI Innocent
04. MUNYANTWALI Frodouald
05. NGOMBWA Gervais
06. HAKIZIMANA J.M.V
07. SHIRAMAKA Athanase
08. KAYINAMURA Félicien
09. SHYIRAKERA Michel
10. HABYARIMANA P.Chrysologue
11. GASORE J.Baptiste
12. ZIHERAMBERE Ernest
13. NGIRUWONSANGA Félicien
14. RUKIRAMAKUBA Emmanuel
15. MUHATURUKUNDO Norbert
16. ILIBANJE Melchior
17. MUKAKARANGWA Florence
18. NDENGEJEHO Pascal B.
19. Dr RWAMAKUBA André
20. NGIRABACU Jean Baptiste
21. HABIYAMBERE Christophe
22. NIYONSENGA Cyprien
23. HABIMANA Faustin

**GITARAMA**

01. NSENGIYAREMYE Dismas
02. NYAGAHIMA Faustin
03. UWIZEYE Fidèle
04. RWIGEMA Pierre Célestin
05. RUHABURA Ladislas
06. NSABIMANA Martin
07. NDOLIMANA Francois
08. AKAYEZU Jean Paul
09. HABUMUGISHA Alfred
10. MUNYANDAMUTSA Alphonse
11. RUSESABAGINA M.Paul
12. MASENGESHO Antoine
13. NDAYISABA Jean Damascène
14. RUVUGAMA Cyrille
15. MUGAGA Nathan
16. NIYITEGEKA Fr. Xavier
17. GAKUBA Théodore
18. NGIRUWONSANGA Onesphore
19. SIMBIZI Gabriel
20. NYIRIMBIBI Denys
21. SEMUHUNGU Jean Claude
22. HARERIMANA J.M.Vianney
23. MWANAFUNZI Anthère
24. SHINGIRO MBONYUMUTWA
25. BAGEZAHO J.M.Vianney
26. KARUGANDA Anatole
27. HABIMANA Herman
28. MINANI Faustin
29. SIBOMANA François
30. NTIYAMIRA Alexis
31. SIMPUNGA Edouard

**BUTARE**

01. KAMBANDA Jean
02. KARUHIJE Ignace
03. TWAGIRAYEZU Laurent
04. NYANDWI Christophe
05. GAKWAYA Callixte
06. SEBALINDA J.Baptiste
07. RWABUHUNGU Sylvestre
08. UZAMUSHAKA Espérance
09. TWAGIRUMUKIZA Marc
10. RUKUNDO J.M.Vianney
11. ISHYAKA Godefroid
12. RWANGA Charles
13. GAKWAYA Venant
14. MUNYAGASHEKE Isaac
15. SENGAMA Ignace
16. NTAGANZWA Ladislas
17. NTIHINYURWA Prosper
18. NIYONZIMA Faustin
19. SEBARAME J.B
20. BWANAKEYE françois
21. UWIZEYE Fidèle
22. HATEGEKIMANA Gérard
23. MUTEREYE Elisée
24. TWAGIRAMUNGU Zachée
25. SEBUCOCERO Athanase
26. REKERAHO Emmanuel
27. SEKANYINYA Vincent
28. MURARA Gabriel
29. NKUNDABAKURA Bonaventure
30. SEMWAGA Félix
31. MBARUSHIMANA Innocent
32. HABAKURAMA Evariste
33. SAFALI Jean Bosco
34. UWILINGIYIMANA Agathe

**CYANGUGU**

01. HABIMANA Joseph
02. FASHINGABO Augustin
03. HITIMANA Antoine

**KIBUYE**

01. NIYITEGEKA Eliézer
02. KAREMERA Athanase
03. RWABUKWISI Jean
04. RUKELIKIBAYE Simon
05. RUKEMAMHUNZI Anastase
06. MUKABURABO Spéciose
07. NTAMUKUNZI Josué
08. NAMUHORANYE Athanase
09. NDAMAGE Jean Baptiste
10. KAYITARE Jean Baptiste
11. RUKUNDO Alphonse

CENTRE DE FORMA... C.E.R.C. ... RWANDA DE RECHERCHE COOP...

**GIKONGORO**

01. NYILIMANA Charles
02. NKURUNZIZA Augustin
03. MUVARA Modeste
04. NTAGANIRA Emmanuel
05. MUHITIRA Juvénal
06. SIBOMANA Enoch
07. KADOGI Paul
08. KUNDIMANA Michel
09. RUHAMANYA Vincent
10. GASANA Charles
11. SEBERA Aloys
12. MUNYANDEKWE Anastase
13. GAKWANDI Pierre
14. GASIMBA Fr. Xavier
15. MUKURALINDA Gaspard
16. HATEGEKA Innocent
17. DUFITUMUKIZA J.Claude
18. MUNYAMBUGA J.Baptiste
19. HAKIZIMANA Ildephonse
20. MUKARUZIGA Félicité
21. BIZIMANA Faustin

**GISENYI**

01. KAMALI Sylvestre
02. NZEYIMANA Ambroise
03. RUGEMANA Célestin
04. SEBAHUNDE J.Maurice
05. KALINDA Sylvestre
06. HABAMENSHI Callixte
07. NSENGIYUMVA Sylvestre
08. RISERUKANDE Jean
09. NZARIGEZAHE Déogratias
10. BUDEDERA Assumani
11. NDAGIJIMANA Amani
12. DUSENGIMANA Aphrodis
13. BIZIMANA Aloys
14. IYAMUREMYE J.B.
15. NGIRIRA Mathieu
16. SAFARI André
17. RUKERA Aimable
18. TEGELI Jean
19. NIKON Gérard
20. GASHIRABAKE J.Baptiste
21. BYAMPILIYE Onesphore

**BYUMBA**

01. NTIZIYOBOZA Léonidas
02. NDEGEYA Wenceslas
03. KARANGWA Claudien
04. KALISA Sylvestre
05. NKERABIGWI Athanase
06. BISAHO Gérard
07. SEBISHANGA Froduald
08. KAYITARE Charles
09. KALISA Jean Bosco
10. HABYARIMANA Alphonse
11. KABANDA Cyprien
12. HAKOLIMANA Aloys
13. MUGARAGU J.Bosco
14. RWIGAMBA Léopold
15. MPUMUJE Jean Claude
16. RWAMBONERA Evergiste
17. KAZARE Faustin
18. KAYINAMURA Grégoire
19. NGIRABANZI Laurien
20. SINIBAGIWE Stanislas

**KIBUNGO**

01. Dr NGENDAHIMANA Gérard
02. KAGABO François
03. MUTABAZI Fr. Xavier
04. NUMVIYUMUKIZA Etienne
05. MUNYANSHONGORE P.C.
06. MUKANDAYISENGA Quit.
07. MATUNGURU Sylvestre
08. NSENGIYUMVA Francis
09. BETABURA Pie
10. GATABAZI Vincent
11. RUGIRAMIGABO Jean Népo
12. GASHURURU Cassien
13. HABIMANA Chrvsante

**KIGALI-VILLE**

01. KARAMIRA Froduald
02. NKEZABERA J.M.V
03. NGABONZIZA J.Baptiste
04. NDANGURURA J.Baptiste
05. USENGUMUREMYI Cyriaque
06. RUTERANA Elie
07. NYIRAMONDO Providence
08. TWAGIRAYEZU Télésphore
09. MUGENZI Joseph
10. NTAGWABIRA Emmanuel.

**RUHENGERI**

01. MUREGO Donat
02. KANYABUGOYI Ignace
03. BICAMUMPAKA Jérôme
04. NDIKUBWIMANA Béatrice
05. NIZEYIMANA RUGINA Emm.
06. BENDA LEMA François
07. BANGAMWABO Stanislas
08. BANGAMWABO Emmanuel
09. SEBATWARE André
10. ZIRAGORA Christophe
11. LIBERAKUBORA Valens
12. BAGARAGAZA Thaddée
13. KANOBANA Antoine
14. KARUHIJE Ignace
15. BIGILISHAKA Amiel
16. NKUSI Jean Pierre
17. SHARAMANZI Alphonse
18. NTAKAVURO Emmanuel
19. NEZEHOSE Athanase
20. NGULINZIRA Boniface
21. MUSEKURA Faustin
22. HARELIMANA J.Chr.
23. MUNYABARENZI J. de Dieu
24. NTAHOBARI Japhet
25. KABEZA Ildephonse
26. MBARUSHIMANA Nicolas
27. BUCYANA Emmanuel
28. MUNYARUKIKO J.Damascène
29. NIYONZIMA Polycarpe
30. MUNYANEZA Nicodème

RÉPUBLIQUE RWANDAISE
SERVICES DU PREMIER MINISTRE
K I G A L I.

Kigali, le 23 juillet 1993

Son Excellence Monsieur le Président
de la République Rwandaise.
K I G A L I.

Objet: Démission au poste de
Premier Ministre.

Excellence Monsieur le Président,

Conformément à l'article 56 de la Constitution j'ai l'honneur de Vous adresser ma démission au poste de Premier Ministre à la fois pour des raisons personnelles et par conviction politique.

Par la présente décision, j'espère promouvoir la continuation du processus démocratique ainsi que la recherche de la paix en contribuant à contrer les desseins visant à replonger le pays dans la guerre.

Veuillez agréer, Excellence Monsieur le Préside[nt] l'expression de ma plus haute considération.

UWILINGIYIMANA Agathe
Premier Ministre

Copie pour information à :
Monsieur le Président du C.N.D.
KIGALI.
Monsieur le Président de la Cour Constitutionnelle
KIGALI
Partis Politiques
MRND, MDR, PL, PSD, PDC

Kigali le 23 juillet 1993

Jyewe Uwilingiyimana Agatha, Memenye Abarwanashyaka batoranije ku Kabusunzu muri congrès idasanzwe y'ishyaka MDR, ko kubera inyungu z'ishyaka MDR meguye ku mirimo ya Minisitiri w'intebe.

Bikorewe i Kigali
Tariki ya 23 Nyakanga 1993
Uwilingiyimana Agatha

# KARAMIRA FRODOUAL ATI : NUBWO IMBYINO Y'INGOMA Y'IGITUGU IKOMEJE KUBA IMWE NDETSE IKABA YONGEREYE IBITERO N'ABABYINNYI SINCITSE INTEGE.

Nyuma ya RWASERERA yabaye mu ishyaka MDR, aho uwahoze ayiyobora yagaragaje igitugu kiruta icya Habyarimana, akagaragaza uburiganya n'ikinyoma birenze ukwemera k'umuntu wese wumva ashaka demukarasi bikamuviramo guhagarikwa na Biro politiki y'ishyaka, bigashimangirwa na Kongere idasanzwe y'ishyaka yabaye ku ya 23 na 24 Nyakanga 1993, twegereye KARAMIRA Visi Perezida wa kabiri w'ishyaka MDR TWAGIRAMUNGU asize avuyanze nubwo IMPIRIMBANYI zikigoragoza, atubwira uko aribona muri iki gihe.

Umurangi : Bwana Perezida w'ishyaka MDR, iryo shyaka uraribona ute muri iki gihe ?

KARAMIRA : Ishyaka ryacu muri iki gihe rifite ibibazo bivanze n'amahirwe. Ikibazo cya mbere rifite ni ukubona hari abantu batwihishemo bikarinda iyo bigera aha. None se hari aho TWAGIRAMUNGU yatwihishemo, akaba Perezida w'ishyaka rya rubanda, none akaba ariwe NTERAHAMWE nkuru umuntu atatinya kubarira muri ya Escadron de la mort bajya bavuga. Ibi ndabivugira ko ariwe washinja HABYARIMANA kuba yarishe GAPYISI, akamushinjana na MRND na Escadron de la mort yabo none akaba agiye gukorana n'Interahamwe. Wakumva ute ukuntu MBONIMPA yaba yari umunyamabanga mukuru wa NSENGIYAREMYE Dismas bikarinda kugeza ishyaka aharindimuka kubera ko Raporo yazituraga RUHIGIRA. Yashinzwe iby'impunzi we na Dr RWANGABO none imicungire mibi bariho barayegeka kuri NSENGIYAREMYE. Rucogoza se ntiyari umujyanama wa NDENGEJEHO ? GASANA we ntiyigeze anasezera muri MRND kimwe n'UBARIJORO. N'ubwo twakunze kubivuga ntibyumvikane ariko, ntawarenganya bariya bagabo, kuko akazi kabo ko gusenya ishyaka bagakoze, kandi byinshi bakaba bariho babigeraho bakanabihemberwa imyanya y'ubutegetsi. Gusa ikibazo umuntu yakwibaza, yakwibaza niba bazabiheza. Aha ariko ntawarenganya ishyaka cyane cyane abarwanashyaka bari mu maperefegitura kuko babonye buriya bugambanyi bagafata ibyemezo.

Umurangi : Buriya se ikibazo cya TWAGIRAMUNGU ntakindi wakitubwiraho ?

KARAMIRA : Kuri TWAGIRAMUNGU hari imvugo zagiye zituvuna tugorora, nko kuvuga ko BYUMBA ifashwe ari ntacyo, none ubanza yarabaga avuga ibyazi atari ugucikwa. Nko gukanda no guhonyanga n'ibindi. Nyamara hari igitangaza ubu, ibyo arimo byose ubu, MRND na CDR bararuciye bararumira. None se ntibitangaje kubona ubukotanyi bamushinjaga muri MDR abwetetanye abujyana muri CDR na MRND? Hari uwakwiyumvisha ukuntu TWAGIRAMUNGU, wamaganaga MRND ngo ikoresha amabandi, none akaba ariwe uyakoresha, agatera amabuye amamodoka y'abantu, kugeza naho batera grenade ku nzu y'inama Congrès ya MDR yaberagamo ku KABUSUNZU. Wakumva ute ko umwe wamaganaga ingoma y'ikinyoma y'akazu ariwe wayihembera. Ubu se koko wakumva ukuntu TWAGIRAMUNGU wamaganaga ubujura yakwiba ubutegetsi bugenewe ishyaka akabugira ubwe ? Yaharaniye kubohoza Radiyo none niwe uyinyonze akoresheje RUCOGOZA wayandikiye ngo inyonge...... ibitavuzwe nawe byose muri MDR.

Ubwo se buriya ntibigaragaye ko atari DEMOCRATE ?

Icyakora siniheba, kuko ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka. Ku kibazo cya AGATA rero, afite ibibazo bwite bigaragara. Azi neza ko aho ageze yahagejejwe n'ishyaka, ariko amaze kuhagera aba nyamwanga iyo byavuye. None se buriya yasanze intumwa iruta uwayitumye ? Ibyo aribyo byose afite ibibazo, kuko ibyo yavuze muri iyi minsi nuko yabivuze birabigaragaza. Hari naho yavuze kuri televiziyo y'u RWANDA ngo DR NSENGIYAREMYE ajya kuba Minisitiri w'intebe yashyizweho na Perezida w'ishyaka TWAGIRAMUNGU, kandi azi neza ko yagiyeho mu kwa kane 92 TWAGIRAMUNGU agatorwa mu kwa munani ?

Umurangi : Ko twumvise ko INKOTANYI zemeye TWAGIRAMUNGU ubivugaho iki ?

KARAMIRA : Mbivuze ku bwanjye ntavugiye ishyaka, ya demukarasi y'Inkotanyi ni ukubeshya. Cya gitugu cya HABYARIMANA bavugaga ko barwanya ni ukubeshya. Kubona bemera corruption akoze muri MDR arobamo abantu si ikimenyetso cyuko nabo corruption bashinjwa ibahamye ? Umuntu wanzwe na 93% by'abagize Congrès ya MDR kandi yarakoze uko ashoboye afatanije na MRND na ba RENZAHO na RADIO RWANDA ngo bayiburizemo ikanga ikabona abagera kuri 72% y'abayigize kandi abagombwa ngo iterane ari 60% urumva uwo muntu kumwemera atari ukuniga demukarasi duharanira ?

Umurangi : Murateganya kuzabyifatamo gute se ?

KARAMIRA : Ahubwo iyo umbaza uti bo bazabyifatamo gute ? Naho twe ntagihe tutakoresheje kwiyoroshya. None se wabonye twemera ko za PL, PSD, MRND cyangwa se FPR bemererwa abadepite 11 ari uko tuyobewe ingufu za buri wese ? Twashatse kurengera demukarasi n'amahoro twanga kurwanira imyanya ngo ibindi bizabe nyuma, bisobanurwe n'ama-

tora. Ntabwo kujya muri Guverinoma ariwo muvuno wo gutsinda kwacu wonyine. Ndemeza ko tugomba kujya muri guvernoma turi ishyaka. Biramutse byanze ntitugemo rero, ntibyatubuza kureba umukino wa HABYARIMANA, nabo bafatanyije na FPR yari yarangiye ko itahana n'impunzi. Niba warabonye muri RUSANGE uko amatora ya ba Bourgmestre yagenze, aho twabuze ba Bourgmestre ni muri Komine ya GASANA Anastase Gikoro kuko atigeze akorera MDR. Muri Komine ya MBONIMPA Gisovu aho yasopanije yamamaza MRND, Butare kwa AGATHA aho yari yarabidogereje akwiza umwuka mubi mu barwanashyaka ngo basubiranemo, n'i CYANGUGU aho uwari Perezida w'ishyaka atikozaga akigira ku Mayaga n'i NYANZA kwamamaza P.L. na PSD, naho abandi bafatanyije bakiyamamariza aba PL ngo ni uko ari babyara babo.

Umurangi : Ubu se murabona HABYARIMANA atabakinanye umukino mwiza?

KARAMIRA : Mu by'ukuri HABYARIMANA ahakubise icenga rikomeye, mbese ashimishije abafana. Gusa umukino uracyakomeza. Ariko se, ashenye PL nyamara nawe ntiyiretse ari nayo mpamvu mvuga ko akubise icenga ariko atinjije igitego. Hari kugirango Perezida w'igihugu yivugire ko atagira MUGENZI Minisitiri kubera impamvu zikomeye z'igihugu hanyuma akamugira we ? Ubwo se za mpamvu zarayoyotse ? Icyakora umuntu abona PL ishobora kubyuka ariko MUGENZI akagwa. PL ishobora gusezerera MUGENZI cyangwa ikamusiga wenyine. PSD yo bibaye ubugira KABILI itugambanira, na HABYARIMANA izamugambanira yumirwe. Nishobora kuba ariyo yihindura FPR cyangwa igahindura FPR PSD izaba ikinnye umukino wa kabutindi, nibishobora tuzayikurira ingofero. Mu gucenga ishyaka MDR ho ndabona HABYARIMANA agushije TWAGIRAMUNGU n'AGATHA. Yari yawukinnye nuko atamenye ko adukoreye ijonjora ryari ngombwa kuko atumye abari batwihishemo bigaragaza uko bakabaye. Muri uyu mukino rero amahirwe yacu ni yayandi, ni uko ibuye ryagaragaye riba ritakishe isuka.

Umurangi : Négociations za GASANA urazibona ute ?

KARAMIRA : Mu by'ukuri GASANA na TWAGIRAMUNGU babishyigikiwemo na HABYARIMANA, igitego cy'INKOTANYI baracyinjije. Mu butegetsi bwa Bataillon babonye 50% kandi aho kurindwa n'umutwe mpuzamahanga ngo abategetsi b'Inkotanyi bazazana ababo magana atandatu. Bityo rero jye ndagirango ntihazagire umusirikare w'u RWANDA urenganya MDR, kuko abatanze icyuho ngo INKOTANYI zinobemo igitego bagaragaye, ari GASANA, TWAGIRAMUNGU, na HABYARIMANA, kimwe n'abandi bayobozi b'amashyaka bababashyigikiyemo. Uwari Minisitiri w'Ingabo GASANA James ntiyahunze ubusa, ibyo bateguraga agomba kuba yari abizi.

Umurangi : Ubu se koko umuturage abibona ate ?

KARAMIRA : Jye ndemeza ko umuturage abibona kimwe nanjye kuko nanjye ndiwe. Umuturage arasanga iriya myanya n'amanyungu ariyo byashyizwe hejuru, ushoboye gukandagira akurira kuri benshi ariwe wiyita umugabo. Nkuko bigenda rero kuko demukarasi ubundi atari kuriya ikora, jye mbona abaturage bazabatamaza, abanzi ba demukarasi bakumirwa.

Umurangi : Ko bivugwa ko Twagiramungu ashaka kurega ishyaka urabivugaho iki ?

KARAMIRA : Ikibazo cya TWAGIRAMUNGU kuri jye mbona cyararangiye. Congrès yamutumye yasanze ari intumwa mbi iramwirukana. Ntarundi rubanza agifite. yewe ni yo congrès yagira iti sinkigufitiye icyizere byonyine, birahagije. Urubanza se bazaruca bategeke congrès y'Ishyaka ko litegekwa n'uwo idashaka. Prezida w'ishyaka ahabwa ubutegetsi bwa wenyine. Hose ubutegetsi buri muri organe (urwego) akaba ari nayo mpamvu yareze n'uko nawe yemera ko atari ishyaka, ko iyo abuzemo ishyaka rikomeza. Urwitwazo kandi avuga rw'amategeko ataragiye kwa Notaire, règlement d'ordre intérieur itariho ntashingiro. Icyo tubwira abantu ahubwo n'uko natwe aribyo tumurega aha ndavuga Bureau Politique kuba yari Prezida w'ishyaka ntajyane statut nshya kwa notaire, akadindiza règlement d'ordre intérieur amaranye amezi arindwi, Dr Murego yamugejejeho umushinga biri mu byo aregwa na Bureau Politique.
Kuba yari Prezida rero akaba yitwaza ibyo yagombaga gukora akabigira ibyifashisho by'urubanza biteye ahubwo isoni.
Hari n'ibindi yitwaza ngo Prezida niwe utumira inama za Bureau Politique n'iza congrès. kimwe mu nshingano za comité Directeur n'ugutumiza no kuyobora congrès y'igihugu, nkuko ingingo ya 44 ibivuga. Niko byagenze rero. Ari mubiki se ?
Intumwa se iburana n'uwayitumye ite mu gihe ayigaragariza ko yatumitse nabi. Muri za Association zose niko bigenda. Congrès yemeza ayo mategeko yaburanisha, ikayahindura cyangwa ikayakuraho. Urubanza rero rwaraciwe.

Umurangi : Ubuse kubwawe KARAMIRA ugamije iki ?

KARAMIRA : Ngamije imihindukire y'ibintu, hakavaho gihake muri Repubulika hakabaho ipiganwa rinyuze mu kuri haba mu mashuri cyangwa mu bucuruzi, buri wese agakora akazi ke mu bwisanzure. Gusa ikimbabaje ni uko mbona imbyino yo ku ngoma y'igitugu ya HABYARIMANA ikomeje kuba imwe ndetse ikaba irimo kongera ibitero n'ababyinnyi. Gusa icyo nakwizeza IMPIRIMBANYI n'abandi bakunzi ba demukarasi bose ni uko ntacitse intege ahubwo ngiye kongera umurava

*UMURANGI*

# IBANGA RY'INTAMBARA YA FPR RIGIYE AHAGARAGARA.




Kuva iyi ntambara ya FPR yatangira, benshi bakunze kuvuga ko ari urujijo, bakagira bati amaherezo ibanga ryayo rizajya ahagaragara. Ubanza rero aricyo cyiciro tugezemo. Byatangiye amacuti ya HABYARIMANA n'akazu ke shunga. Nyuma twumva ko ariyo ari kw'isonga ry'INKOTANYI. Aho kurega abaziteraga inkunga cyangwa ngo yamagane abazishyigikiye, HABYARIMANA yazitije inkunga yo gukwiza intambara mu gihugu hose, abantu barapfa, za mine ziraturika, amabandi yiswe abagizi ba nabi akwira hose, ibyo byose ari ukugira ngo abaturage bahere mu gihirahiro bananiwe gusobanukirwa. Byakunze kuvugwa ko MUKA HABYARIMANA na Baramu be bafite ubukonyi bukomeye bukomoka ku bu LUNARI bwa MAGERA, sebukwe w'IKINANI.

Ibyo byakunze kugaragazwa n'inkunga ihambaye bahaye Inkotanyi zitegura intambara, maze yamara gutongora bakayobya uburari bafunga bamwe babita ibyitso kandi ibyitso nyabyo byibereye mu mbere kwa HABYARIMANA. Kwirukana abasirikare bari bashoboye kurwanira igihugu abandi bakabashora mu bikorwa by'ubusahuzi bakoresheje icyo bise CDR nabyo biri mu nkunga ikomeye HABYARIMANA yateye Inkotanyi ngo zifate igihugu nk'ikitagira abasirikare. Ninde utabonaga ukuntu iteka iyo yahuraga na MUSEVENI intambara yarushagaho gukaza umurego abasirikare ntibasobanukirwe. Aho amashyaka yarwanyaga MRND agushirijwe mu mutego wa TWAGIRAMUNGU wo kujya muri Guverinoma HABYARIMANA afitemo itako ry'umutware imishyikirano yaratangiye. Ngira ngo ntawe utazi intambara NGULINZIRA yarwanye yo kuvana Inkotanyi kw'izima ku bintu bidafututse zasabaga. Ngo ba perezida barindwi, inzibacyuho y'imyaka ishyano ryose, n'ibindi. Usibye ko TWAGIRAMUNGU waranzwe no gukorera INKOTANYI yaje gukoresha amayeri we na MUGENZI bagatuma ARUSHA hemerwa ko buri shyaka muri ari muri Guverinoma rizagira abadepite cumi n'umwe kandi bigaragara ko MDR izahavunikira, ibindi usanga NGULINZIRA yarashyizwemo n'akantu ko gukunda igihugu, akagenda akomakoma impande zombi, ari kwa HABYARIMANA no mu NKOTANYI.

Abantu baribuka Conférence de presse TWAGIRAMUNGU, MUGENZI n'abakuru b'abakombozi bigeze gukoreshereza mu cyumba cya Hoteli MERIDIEN mu ma saa tatu za mu gitondo n'urusaku bavugije ngo ARUSHA NGULINZIRA agiye guha umwanya wa Minisitiri CDR, hanyuma uwo mwanya ukaza guhabwa FPR. Aho muzi inshuro MDR yakweshuranye na TWAGIRAMUNGU ashaka kuyomeka ku NKOTANYI ku ngufu ? None MDR iramunaniye, yunze ubumwe na HABYARIMANA, MRND na CDR nibyo babashije kwegeka kuri FPR, dore ko PSD na PL byo ari agasanzwe.

Ibyo byose indindagire zo muri MRND na CDR zirabirebera zikabyina zibeshya ngo HABYARIMANA ariho arasenya MDR n'aba PARMEHUTU, ntibabone ko ariho yishyura ibyo yemereye INKOTANYI na MUSEVENI. Mu mishyikirano NGULINZIRA yari yagiranye n'Inkotanyi yari yahisemo ko Guverinoma yajya gukorera i Kinihira aho kugira ngo muri KIGALI haze abasirikare 600 b'Inkotanyi n'ishotorana rishobora gutuma noneho intambara ibera mu mugi mukuru. TWAGIRAMUNGU na GASANA babigezeho bashyigikiwe n'Ikinani.

### IBANGA SE NI IRIHE ?

HABYARIMANA yasanze NSENGIYAREMYE na benshi mu MPIRIMBANYI bagira umutima wo gukunda igihugu, bikagaragara no mu mikorere yabo kandi yaravuze ko aho kugisigira MDR azagisigira FPR Inkotanyi. Yahisemo rero kwikururira TWAGIRAMUNGU ubundi uzwiho gukorana birambuye n'Inkotanyi, bikaba byaragaragariye mu magambo, mu bikorwa no mu byifuzo by'uriya mugabo, bigaragazwa kandi no kuba ibinyamakuru bimukorera ari nabyo bikorera Inkotanyi ku mugaragaro. Biramutse atari umugambi bahuje se, wakumva ute ukuntu Minisitiri w'Intebe w'inzibacyuho yaguye ushyigikiwe n'igitugu cya HABYARIMANA yaba TWAGIRAMUNGU w'INKOTANYI, Umukuru w'Ingabo wungirije akaba Inkotanyi, Umugaba mukuru wa Gendarmerie akaba Inkotanyi, uwo mw'iperereza akaba Inkotanyi, ba Minisitiri bane ba FPR n'abandi batandatu ba PSD bakaba Inkotanyi dore ko muri iki gihe kutabarira PL na PSD mu NKOTANYI ahubwo mwabipfa, ugafata Perezida na Visi Perezida b'Inteko ishinga amategeko bose bava muri ariya mashyaka arushanwa gukorera Inkotanyi ngo ngaha arahanagura ibisigisigi bya PARMEHUTU mu RWANDA, ukubiteho abadepite babo batari munsi ya 33 kongeraho ba RAVI bo muri za UDPR, PSR n'abandi, maze izo NKOTANYI zose zikongerwaho abasirikari bazo magana atandatu bafite intwaro zo kubarinda. Ubwo se rwa rusaku ngo MDR yagurishije igihugu rwari urw'iki ?

### DEMOKARASI YARANYONZWE.

Ukuntu HABYARIMANA yinjije TWAGIRAMUNGU mu butegetsi bw'igihugu, akamushyigikira, akamutiza INTERAHAMWE ze, akamuha amagrenade yo guha abasore barimo n'abiga muri KAMINUZA nka NDASHIMYE Bernardin uhisemo guhinduka ikihebe cyo gutera grenade, biratwereka ko koko niba atari bya bindi byo guha igihugu INKOTANYI aho kugiha MDR hari indi migambi mibi iteganywa gukorwa muri iki gihugu. RADIO Maneko RUCOGOZA yarayinyonze ngo kereka ivuze ibitakaragasi bya TWAGIRAMUNGU na HABYARIMANA, gusa, abanyamakuru bari ku isiri nka ba MAJORO bagenda biyenza ku bantu ngo nibabahakweho cyangwa boye kubavugira ibintu kuri RADIO ngo MDR ni abanyamahane biyenza n'ibindi, mbese dusubiye mbere ya 1990, ibya demukarasi bijyanye na HABYARIMANA na TWAGIRAMUNGU na ka gatsiko k'abakuru b'amashyaka.

HABYARIMANA rero igihugu aragitanze, MRND na CDR bamwogeza, ashoje intambara ngo yo gutsemba abo yita abaparmehutu n'ababakomokaho bose ngo abasangishe KAYIBANDA aherutse kohereza GAPYISI, TWAGIRAMUNGU wamufashije ibyo byose amuhaye ubutegetsi yibye ishyaka yayoboraga, nawe akagomba kubushyikiriza Inkotanyi atahwemye gukorera byose abantu benshi barimo n'abasirikari babirebera ngo umwanzi w'igihugu ni MDR, NSENGIYAREMYE, NGULINZIRA n'abo bita ABAPARMEHUTU.

IMPIRIMBANYI zari zikwiye guhaguruka zihangana n'iriya ntambara y'ubuparmehutu zikoresheje kwisobanu ra neza aho kugwa mu mutego wa kariya gasomborotso (Provocation). Ese uwo ukwita Umuparmehutu ngo ngaha arakwumvisha we aba ari iki ? Ubwo se ko MDR PARMEHUTU yari ihanganye na LUNARI nabo bazabe aba LUNARI biti ihi se INYENZI ! Nibagumye bahangane na BARINGA.

O.NT.B

CENTRE DE FORMATION ET DE RECHERCHE COOP
C.E.R.C.
B.P. [illegible] Kigali
RWANDA

# Rwemalika Clementine yazize abaqome.

Mu ijoro ryo kuwa gatanu tariki ya 23 Nyakanga mu ma saa tatu z'ijoro, abantu bazwi bateye kwa NSENGIMANA ALI PANDA mu GATENGA, bamukomeretsa ku ijosi, bamwicira umugore. Nkuko byagenze kwa GAPYISI, yari atashye, ariko we bari bamukinguriye amaze kwinjiza imodoka imbere. Umugore we RWEMALIKA Clémentine yakinguye salon, naho abana batangira kuvana ibintu mu modoka. Mu gihe uriya mugore yariho asuhuza umugabo we, niho Grenade yaturitse iramuhitana, batera n'indi umugabo imumena ijisho ry'ibumoso nubwo bitamubujije kubasha gushyira umugore we mu mudoka ngo amujyane kwa muganga aho yamupfiriyeho.

Muri uko guhagurutsa imodoka ye rero ifite ibitara bya rutura (Spot light) nibwo yamenye umwe muri abo bagome witwa BIZARYA alias SAGESSE. Baramufashe bamufatana n'abandi bahita babafungura, none ngo NSENGIMANA azaburana na SAGESSE. Rwose ubucamanza buzakurikize ukuri kuko abantu bose bari bumvise SAGESSE

: yirirwa yisararanga ngo arica imbwa y'umunyenduga. Ngo ntarara atishe umuntu. Umukuru w'Interahamwe zo mu GATENGA Bwana TWAHIRWA Séraphin ujya afunguza interahamwe iyo zakoze amahano ubu yiriranwa na Sergent GAHUTU Pierre ufite iyo dosiye ku buryo abantu bafite impungenge ko izaburizwamo. Abashinzwe imiryango iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu bari bakwiye gufasha ALI gukurikirana bariya banyarugomo, dore abantu bamwe basigaye bumva ubuzima bw'abandi ari igikinisho. ALI niyihangane, naho Mme RWAMALIKA Clémentine Imana imuhe iruhuko ridashira kandi amaraso ye kimwe n'ay'izindi nzirakarengane ziriho zipfa muri iki gihugu abere urumuri abahabiye mu bugome bikosore u RWANDA rube ruzima.

UMURANGI.



*Ngo Mme RWEMALIKA Clémentine ntiyari mwiza ku mubiri gusa.*



*NSENGIMANA ALI abuze mugenzi we. Ya miryango ngo iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu yari ikwiye kumwegera ikamufasha aho kwirirwa yivanga mu by'amashyaka nkuko MUJAWAMARIYA Monika wo muri ADL arimo abikora mu mahanga asebya MDR ngo ngaha arashyigikira ubunyoni bwa TWAGIRAMUNGU arimo akoresha ngo agere ku butegetsi. Kubona ntacyo baravuga kuri Guverinoma y'abanyoni iriho ikaba ari nayo INKOTANYI zigiye gutahukiraho?*

*Umurangi No 026 du 3 AOUT 1993.*

# Agasuzuguro ka TWAGIRAMUNGU kagiye gutera iseseme.

Mu Burusiya bijya gucika, habaye ibihanga bibiri mw'ishyaka rimwe. Biratikurana rubura gica.

Bwana Gorbatchev na Bwana Boris Eltsine, umwe yashakaga ko bigenda uko abyumva uw'igitugu cyagutse ariwe BORIS yaje kwirenza GORBATCHEV. Ishyaka riba ibishingwe, tutibagiwe n'igihugu cy'uburusiya ubu cyasubiye inyuma nk'umubyizi. Ibyo byose byaturutse ku bwirasi bw'abantu babiri babuze gikiza ubasumba.

Ikiganiro Twagiramungu yanyujije kuri Radiyo Tariki ya 20/7/1993 kirerekana ko ribaye irye. Aho guharanira icyarizamura, agahora muruganda rw'amatiku azamufasha kurisenya. None se byakumvikana gute ko mu mezi cumi n'angahe Leta ya Nsengiyaremye yamaze, tutigeze twumva na rimwe atumiza Biro nkuru y'ishyaka ngo inegure cyangwa igorore ibyo Nsengiyaremye yakoraga muri Guverinoma? Aho gukora ibyo byo gukosora ishyaka n'abo ryatumye muri eta, TWAGIRAMUNGU yihutiye gushora ibyaha bya MDR Parmehutu, kuburanira inyenzi nkaho biri muri Programme y'ishyaka - Umuntu rero yavuga ko ishyaka ryamunaniye. None ngo agiye kuba Minisitiri w'intebe da !!

Ikibabaje abarwanashyaka bigomwe, bagahata inzira ibirenge bavuganira MDR , yavuye muri MDR Parmehutu, n'uko Twagiramungu adufatiye abarwanashyaka twaruhanye bagize Bureau Politiki akabita ibicucu bitazi gusoma amategeko- Ba Gasana, MRND yoherejeho abacengeri bo gupfumagura ibyuho mw'ishyaka, ubungo nibo bari kw'ibere ry'uwo mugambanyi.

Ikindi cyababaje abarwanashyaka, ni uko Twagiramungu arengera biteye isesemi, Namwe se, umuntu uvugako inama yo kumuhagarika kw'isonga ry'ishyaka ngo ntabwo ari inama nyayo. Aho, aribuka ko tuzi ko iyo Impirimbanyi zitibwiriza guteranira I Gitarama Le 28/01/1961 zigategereza amabwiriza ya Kigeri ubu tuba tutari muri REPUBLIKA ? Tuba tugishengereye Kalinga na ya mikenyero yayo. Ubutiriganya bwa Twagiramungu si ubw'ubu.

Niba yararwaniye ko Agatha afata umwanya, tuziko ari igikingamuyaga kiwumufashije. Ese niyemere atumize Congrès ye imukize bariya yita injiji bafatanije ?

Uko mbibona jye, birakomeye; Buri gihe, muri Politiki Felonne ahora agamije guteranya abantu ngo azamuke. Kubyerekeye Perezida wa Repubulika, usibye ko yakwitwaza ko yorosoye abari maso, mwibuke inshuro yamuregeye Rubanda. Igitangaje, n'uko asubiye inyuma akamurigata ibirenge ngo amufashe gusenya MDR.

Ese buriya ari twagiramungu, ari HABYARIMANA, ninde ucenga undi ? Muri iki gihe ho byaragaragaye ko ari TWAGIRAMUNGU. Nawe se umuntu umwibagije ko MUGENZI atakigira imiziro.

UMWANZURO : Bamwe mu bakuru b'INKOTANYI bivugiye ko bamanuwe no kujanjagura le "HUTISME PUR" (Casser le Hutisme de KIGALI) y'i KIGALI. Nubwo icyo bise hutisme wenda tutacyumva kimwe, kujanjagura byo birafututse. Congrès ya MDR yo ku ya 23 na 24 nyakanga yakoze akazi kayo ko gusukura ishyaka irivanamo abagambanyi, ahasigaye abayobozi baryo mu nzego zose nibaryigire uko rizatsinda.

BAZIBONERA.